# 47: Ube maso, Mukristo

1. Ube maso, Mukristo: Nturuhuke nonaha, Amakub'ari hafi; Usabe !

2. Ababisha b'lmana Bajya bakwubikira, Baguciriy' ibico; Usabe !

3. Ujye wambar' intwaro yesu yakwihereye. Ku manywa 'na n'ijoro, Wirinde !

4. Umv' abatsinze kera lyo ntambar' urwana; Baraguhugura, ngo : Usabe !

5. Umva n'Umwami wawe, Yesu wagupfiriye, Ni We watubwiy' ati ; Ba maso!

6. Iryo jamb'uryemere N'umutima wizeye, Kugira ng' urikore; Usabe !

Visit us at indirimbo.com